

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA Madamu Jeannette KAGAME MU MUHANGO WO KWIZIHIZA ISABUKURU Y'IMYAKA 17 ya AERG n'imyaka 10 ya GAERG**

Kigali, ku wa 2 Ugushyingo 2013

Ba Nyakubahwa ba Ministres,  
Ba Nyakubahwa Badepite,  
Ba Nyakubahwa bahagarariye ingabo na Police,  
Nyakubahwa Mayor w'Umujyi wa Kigali,  
Banyacyubahiro mwese muteraniye hano,  
Banyamuryango ba AERG na GAERG,  
Mwiriwe neza,

Nejewe no kuba naje kwifatanya namwe kuri uyu muni twaje kwizihiza isabukuru y'imyaka 17 ya AERG, n'imyaka 10 ya GAERG, iyi miryango yombi imaze yita ku iterambere no kubaka urubiruko rwacitse ku icumu, ndetse no kubaka umuryango nyarwanda muri rusange.

Mbonereho umwanya wo kubabwira nti Isabukuru nziza banyamuryango mwese, isabukuru nziza yo guharanira kwigira no kwiyubaka.

Turashimira abafashe iya mbere bagashinga umuryango wa AERG ubahuriza hamwe, mu gihe mwari mu mashuri, mugifite byinshi biremereye umutima wanyu, ari nako murwana n'ubuzima, tukanabashimira ko mutarekeye aho, maze AERG ikaza kwibaruka GAERG kugirango mukomeze urunana rwo gufashanya.

Iyo dusubije amaso inyuma, dusanga mu myaka 17 ishize igihugu nacyo cyari cyarashegeshwe ku buryo gahunda nyinshi zari izo gusana igihugu, kongera ubukungu, kubanisha abanyarwanda, kwita ku mibereho myiza y'abaturage n'ibindi, ariko muri make, kwari uguhera kubusa.

Tubashimiye rero ko mwagendanye na leta, ko muticaye ngo mutegereze ko abantu aribo babashyira hamwe, ntimwaheranywe n'agahinda, mwarisamyeye, murisana, n'ababashaka bamenya aho babasanga. Muri make mwumvise kare Rwandan spirit yo kwigira kandi mwafashije igihugu kwifasha.

Mu myaka 10 ishize kandi, ni nabwo Leta yari ivuye mu nziba cyuho, birumvikana ko ibyo gukora byari bikiri byinshi, abenshi mu banyamuryango ba GAERG aribwo barimo batangira kujya mu mirimo itandukanye, birumvikana rero ko byinshi mubyo igihugu cyagezeho kugeza ubu, mwabigizemo uruhare.

Benshi babigarutseho, muri ababyeyi, abasore n'inkumi babereye u Rwanda. Kandi muzaharanire guhora mutyo. Mukomeze kuzirikana abo muri bo, aho mwavuye ni aho mugana! Inshingano mufite nk'abanyarwanda irakomeye cyane, ariko kandi iranoroshye kuko nk'abanyarwanda mwabaye victime y'amateka mabi, n'ubuyobozi bubi, muzi ingaruka zabyo.

Ariko kandi muri na bato, mufite imbaraga, kandi tubabonamo ubushake n'ubushobozi. U Rwanda dufite uyu muni, mufite urufunguzo rwo gukomeza gusigasira ibyo rwagezeho. U Rwanda ni urwanyu nta rundi dufite ni mwebwe bo kurukorera, kurwubaka no kuruteza imbere.

Banyamuryango ba AERG, mwe mukiri mu mashuri, mwigie mushyizeho umwete, nta gupfusha ubusa igihe mufite, mwirinde uburangare no gutinda mu bibakerereza! Murangwe n'imyifatire myiza aho muri hose, mwigirire icyizere kuko natwe tukibafitiye, ndetse mumenye guhitamo amasomo ajyanye n'igihe. Nkubu tuzi ko hagezweho amasomo y'ubumenyi ngiro! Muyitabire!

Tuzi ko mufite gahunda, yo gufashanya no kurerana hagati yanyu, mubikomeze, muhwiturane, ariko kandi na bakuru banyu babakurikirana mwemere mubashobokere, aho muri nabo barahanyuze kandi babisohotse neza, ntabwo babayobya kandi ntibanababeshya!

Banyamuryango ba GAERG, mwatubwiye gahunda nziza mufite yo gukurikirana barumuna banyu bakiri mu mashuri nimubikomeze abenshi ni mwebwe bafite, ndetse n'abatarabonye amahirwe yo kwiga ntimuzabatererane mubabere abajyanama (mentors), hari byinshi bashobora gukora bakabasha kwifasha, bakumva ndetse ko mutabasize .

Nubwo mwarangije za Kaminuza, ariko mugomba gukomeza kwongera ubumenyi mu rwego rwo guhangana n'isoko ry'umurimo dore igihugu kirakura, kiratera imbere, muharanire gukomeza ibindi byiciro, bya Masters na PHD .

Nkamwe bakuru, muri mu mirimo mwishyire hamwe, bavuga ko abishyize hamwe nta kibananira. Mwihangire imirimo, mumenye gukorana n'ibigo by'imari n'amabanki,

mube ba rwiyemezamirimo n'abashoramari mu gihugu cyacu, ndetse murenge imbibi z'u Rwanda mugere muri East African Community. Maze mutange akazi kuri babandi batabashije gukomeza amashuri, ndetse no mu bandi banyarwanda muri rusange, mubabere abaterankunga.

Mube intangarugero mu kazi hirya no hino aho mukora, mube umusemburo w'impinduka aho muri, mwirinde kwanduza izina ryanyu n'iryababyeyi banyu ndetse n'izina ry'igihugu muri rusange.

Twashimye igitekerezo mwagize cyo gushinga ikigo cy'ubushakashatsi (Research and Development Center) mushingiye ku bumenyi bw'ingeri zose mwigiyeye mu mashuri no mu mirimo itandukanye. Ni ibyo gushyigikirwa, nasaba abari aha twese kuzabashyigira ngo bitere imbere. Ariko kandi namwe muzabigiremo ubumwe (solidarity), natwe tubijeje kuzabahora hafi.

Mwizihije izabukuru mumaze mwishyize hamwe kandi mwiubaka, mu gihe tugana no mu isabukuru y'imyaka 20, igihugu cyacu kimaze cyivuye muri Genocide. Uyu ni umwanya rero mwiza wo kongera kunoza gahunda. Mugasubiza amaso inyuma mukareba icyerecyezo cya AERG na GAERG.

Intego mwatangiranye muzikomeze ndetse muzongere, ndabasaba gukomeza kwagura ibikorwa byanyu, gukomeza guhashya abahakana Genocide, mwagure abafatanyabikorwa banyu, maze mukomeze kwibibamo imbuto zo kwigira.

Sinasoza nanjye ntashimiye ababyeyi bakomeje kubaba hafi, ndetse n'abandi bafatanyabikorwa banyu babatera ingabo mu bitugu.

Mukomeze guharanira kubaho kandi neza,

Murakoze, mukomeze kugira umunsi mwiza